

Ingingo z'ingenzi abafatanyabikorwa bazaganiraho ku mpera ya gahunda ifasha imiryango itishoboye kubona indyo yuzuye y'inkunga y'ingoboka ya SNAP COVID-19 (Inkunga y'ingoboka ya SNAP)

Ubutumwa bugenewe abafatanyabikorwa: Izi ingingo z'ingenzi zizaganirwaho zitanzwe kugira ngo zizagenderweho mu kuyobora ibiganiro ariko ntizigomba kumenyeshwa abandi. Ikiganiro kigomba kuba kigamije gushakira umuti ibintu byihariye umuntu akeneye ndetse n'ibibazo byihariye afite. Ahashobora gushakirwa ubufasha hagaragajwe ahakurikira.

- Guhera muri Mata 2020, abantu benshi bo muri Oregon bahabwaga inkunga ya SNAP banahawe inkunga y'inyongera y'ingoboka y'ibiribwa buri kwezi ku ikarita ya EBT (Oregon Trail). Iyi nkunga yashyizweho na leta igamije kunganira inkunga y'ingoboka yerekeranye n'ubuzima bw'abaturage yatangwaga mu gihe cy'icyorezo cya COVID-19.
 - Inkunga y'ingoboka y'ibiribwa igizwe n'amadolari y'inyongera yongerwa ku makarita ya EBT kuri buri tariki ya 11 cyangwa iya 12 y'ukwezi.
- **Gashyantare ni ko kwezi kwa nyuma inkunga y'ingoboka y'ibiribwa izemererwa gutangwamo. Abahabwa inkunga ya SNAP bazakomeza kuyihabwa muri Werurwe 2023 na buri kwezi nyuma ya Werurwe.**
 - Inkunga ya SNAP ni amadolari abantu bahabwa ku makarita yabo hagati y'itariki ya 1 n'ya 9 ya buri kwezi.
- Mu myaka ibiri, ODHS yahaye inkunga y'ingoboka imiryango amagana y'ibihumbi ihabwa inkunga ya SNAP.
 - Izi nkunga zongereye mu buryo bugaragara ubushobozi bw'abantu bwo kubona indyo yuzuye ubwabo no kuyibonera imiryango yabo.
 - Iyo iyi nkunga y'ingoboka y'ibiribwa itaza gutangwa hari abantu bo muri Oregon bari guhura n'ibizazane kandi ntibabashe kubona ibintu by'ibanze bakeneye mu buryo bworoshye.
- Abantu bashobora kureba konti yabo ya ONE cyangwa iya EBT Edge kugira ngo bamenye amadolari y'inkunga ya SNAP bafite hatabariwemo inkunga y'ingoboka y'ibiribwa:
 - Kuri paji ya dashibodi ya konti yabo ya ONE, amadolari y'inkunga ya SNAP isanzwe aboneka kuri "Monthly Benefit Amount" ("Amadolari y'inkunga ya buri kwezi")

- Ku bikorwa bya konti yabo ya EBT Edge, amadolari y'inkunga ya SNAP isanzwe azaba ari ayongewe ku ikarita yawe hagati y'itariki ya 1 n'ya 9 ya buri kwezi.
- Abantu ku giti cyabo n'imiryango barebwa n'izo mpinduka bagomba kwihutira kuvugana na leta n'abafatanyabikorwa bakorera aho batuye kugira ngo hashyirweho gahunda yo kubafasha kubona ibiribwa bakeneye nyuma guhabwa inkunga y'ingoboka y'ibiribwa y'ukwezi kwa nyuma. Ahashobora gushakirwa ubufasha harimo:
 - Amakuru atangirwa kuri 211: Hamagara kuri 2-1-1 cyangwa usure urubuga rwa www.211info.org/
 - Serivisi ishakira ubufasha abageze mu zabukuru n'abafite ubumuga muri Oregon (ADRC): Hamagara kuri 1-855-673-2372 cyangwa usure urubuga rwa www.adrcforegon.org/
 - Urubuga rw'Ububiko bw'ibiribwa bwa Oregon ari rwo www.oregonfoodfinder.org/
 - Ububiko bw'ibiribwa cyangwa sitoke ikwegereye
 - Imiryango ifasha abaturage ikorera aho utuye: www.caporegon.org/
 - Ahandi hashobora gushakirwa ubufasha hakwegereye warangira abantu bafite ibibazo byo kubona ibiribwa bihagije.
- Imiryango ishobora kandi no guhabwa ubufasha butangwa n'izi gahunda za leta n'iz'igihugu kugira ngo ibashe kwishyura ibindi biguzi:
 - **Gahunda yo gufasha imiryango itishoboye kwishyura umuriro** (LIHEAP) ifasha abantu kugira umutekano no kugira ubuzima bwiza binyuze muri gahunda zifasha abantu ku giti cyabo n'imiryango kwishyura ibiguzi by'umuriro. Sura urubuga rwa EnergyHelp.us cyangwa uhamagare kuri 1-866-674-6327 kugira ngo uhabwe andi makuru yerekeranye n'uburyo ushobora kubona ubufasha bwo kwishyura umuriro.
 - **Ubundi bufasha bwo kwishyura fagitire z'amazi, umuriro na gaze** butangwa na Serivisi ishinze gutuza no kwita ku baturage muri Oregon (OHCS) binyuze ku bigo bikwegereye. Ushobora gusaba kuri site y'ikigo kikwegereye: <https://www.oregon.gov/ohcs/energy-weatherization/Pages/utility-bill-payment-assistance.aspx>.
 - **Gahunda yo gutanga interineti ihendutse** igabanyiriza imiryango yujuje ibisabwa byibuzwe amadolari 30 buri kwezi kuri serivisi ya interineti. Niba uhabwa inkunga zitangwa na ODHS, ushobora guhita ushyirwa mu mubare w'abujuje ibisabwa. Kugira ngo umenye niba wujuje ibisabwa cyangwa

utange ubusabe bwawe ku buntu, sura urubuga rwa GetInternet.gov cyangwa uhamagare kuri 1-877-384-2575.

- **Ubufasha bwo gukodesha no gutuza abantu** butangwa binyuze muri OHCS. Sura urubuga rwa OHCS kuri <https://www.oregon.gov/ohcs/housing-assistance/Pages/housing-assistance.aspx>.